ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 006/03 RYO KU WA 18/02/2025 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU Y'UBUSUGIRE BW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA	PRIME MINISTER'S ORDER Nº 006/03 OF 18/02/2025 GOVERNING THE NATIONAL BIOSAFETY COMMITTEE	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 006/03 DU 18/02/2025 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL DE PRÉVENTION DES RISQUES BIOTECHNOLOGIQUES
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
UMUTWE WA II: IMITERERE YA KOMITE	**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE COMMITTEE**	**CHAPITRE II : ORGANISATION DU COMITÉ**
Ingingo ya 2: Abagize Komite	**Article 2: Composition of the Committee**	**Article 2 : Composition du Comité**
Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'abagize Komite	**Article 3: Appointment of members of the Committee**	**Article 3 : Nomination des membres du Comité**
Ingingo ya 4: Inshingano yo kugira ibanga	**Article 4: Duty of confidentiality**	**Article 4 : Devoir de confidentialité**
Ingingo ya 5: Manda y'abagize Komite	**Article 5: Term of office of members of the Committee**	**Article 5 : Mandat des membres du Comité**
Ingingo ya 6: Impamvu zituma ugize Komite ava mu mwanya	**Article 6: Reasons for loss of membership of the Committee**	**Article 6 : Motifs de perte de la qualité de membre du Comité**
Ingingo ya 7: Gusimbura ugize Komite	**Article 7: Replacement of a Committee member**	**Article 7 : Remplacement d'un membre du Comité**

UMUTWE WA III: INSHINGANO N'IMIKORERE BYA KOMITE	**CHAPTER III: RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE**	**CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ**
Ingingo ya 8: Inshingano za Komite	**Article 8: Responsibilities of the Committee**	**Article 8 : Attributions du Comité**
Ingingo ya 9: Inama za Komite	**Article 9: Meetings of the Committee**	**Article 9 : Réunions du Comité**
Ingingo ya 10: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane	**Article 10: Quorum for the meeting of the Committee**	**Article 10 : Quorum pour la réunion du Comité**
Ingingo ya 11: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komite	**Article 11: Decision-making of the Committee**	**Article 11 : Prise de décisions du Comité**
Ingingo ya 12: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	**Article 12: Personal interest in issues on the agenda**	**Article 12 : Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**
Ingingo ya 13: Gutanga raporo	**Article 13: Reporting**	**Article 13 : Soumission de rapports**
Ingingo ya 14: Ingengo y'imari ya Komite	**Article 14: Budget of the Committee**	**Article 14 : Budget du Comité**
Ingingo ya 15: Amategeko ngengamikorere ya Komite	**Article 15: Rules of procedure of the Committee**	**Article 15 : Règlement d'ordre intérieur du Comité**
UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 16: Ingingo y'ururimi	**Article 16: Language provision**	**Article 16 : Disposition linguistique**
Ingingo ya 17: Gutangira gukurikizwa	**Article 17: Entry into force**	**Article 17 : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 006/03 RYO KU WA 18/02/2025 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU Y'UBUSUGIRE BW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA	PRIME MINISTER'S ORDER Nº 006/03 OF 18/02/2025 GOVERNING THE NATIONAL BIOSAFETY COMMITTEE	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 006/03 DU 18/02/2025 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL DE PRÉVENTION DES RISQUES BIOTECHNOLOGIQUES
Minisiteri w'Intebe;	**The Prime Minister;**	**Le Premier Ministre ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda ;
Ashingiye ku Itegeko n° 025/2024 ryo ku wa 16/02/2024 rigenga ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6 ;	Pursuant to Law n° 025/2024 of 16/02/2024 governing biosafety, especially in Article 6;	Vu la Loi n° 025/2024 du 16/02/2024 régissant la prévention des risques biotechnologiques, spécialement en son article 6 ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/11/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 09/11/2024;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/11/2024 ;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena abagize Komite y'Igihugu y'ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima yitwa "Komite" mu ngingo zikurikira, rikanagena inshingano n'imikorere byayo, na manda y'abayigize.	This Order determines the composition, responsibilities and functioning of the National Biosafety Committee, hereafter referred to as "Committee", and the term of office of its members.	Le présent arrêté détermine la composition, les attributions et le fonctionnement du Comité national de prévention des risques biotechnologiques, ci-après dénommé « Comité », ainsi que le mandat de ses membres.

UMUTWE WA II: IMITERERE YA KOMITE	**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE COMMITTEE**	**CHAPITRE II : ORGANISATION DU COMITÉ**
Ingingo ya 2: Abagize Komite	**Article 2: Composition of the Committee**	**Article 2 : Composition du Comité**
(1) Komite igizwe n'aba bakurikira:	(1) The Committee is composed of the following members:	(1) Le Comité est composé des membres suivants :
(a) uhagarariye Minisiteri ifite ibidukikije mu nshingano:	(a) a representative of the Ministry in charge of environment;	(a) un représentant du Ministère ayant l'environnement dans ses attributions ;
(b) uhagarariye urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano;	(b) a representative of the State organ in charge of management of the environment;	(b) un représentant de l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions ;
(c) uhagarariye urwego rwa Leta rufite kugenzura ibiribwa by'abantu n'amatungo mu nshingano;	(c) a representative of the State organ in charge of control of foods and feeds;	(c) un représentant de l'organe de l'État ayant le contrôle des denrées alimentaires et des aliments pour animaux dans ses attributions ;
(d) uhagarariye urwego rwa Leta rufite ubuziranenge bw'ibimera mu nshingano;	(d) a representative of the State organ in charge of phytosanitary;	(d) un représentant de l'organe de l'État ayant le domaine phytosanitaire dans ses attributions;
(e) abantu babiri bahagarariye amashuri makuru atanga amasomo kuri tekiniki zigezweho zo guhindura ibinyabuzima;	(e) two representatives of higher learning institutions offering courses of modern biotechnology;	(e) deux représentants des établissements d'enseignement supérieur offrant des cours en biotechnologie moderne ;

(f) abantu babiri bahagarariye urwego rwa Leta rushinzwe ubuhinzi n'ubworozi;	(f) two representatives of the State organ in charge of agriculture and animal resources;	(f) deux représentants de l'organe de l'État ayant l'agriculture et les ressources animales dans ses attributions ;
(g) uhagarariye urwego rwa Leta rufite ubuziranenge mu nshingano;	(g) a representative of the State organ in charge of standard;	(g) un représentant de l'organe de l'État ayant la normalisation dans ses attributions ;
(h) uhagarariye urwego rwa Leta rufite kwita ku buzima mu nshingano;	(h) a representative of the State organ in charge of biomedical;	(h) un représentant de l'organe de l'État ayant le biomédical dans ses attributions ;
(i) uhagarariye urwego rwa Leta rufite gasutamo mu nshingano;	(i) a representative of the State organ in charge of customs;	(i) un représentant de l'organe de l'État ayant les douanes dans ses attributions ;
(j) uhagariye urugaga rw'abikorera.	(j) a representative of the private sector.	(j) un représentant du secteur privé.
(2) Abagize Komite bitoramo Perezida na Visi Perezida.	(2) The members of the Committee elect among themselves a Chairperson and Vice-Chairperson.	(2) Les membres du Comité élisent parmi eux un Président et un Vice-Président.
(3) Perezida na Visi Perezida ba Komite batorwa mu bahagarariye inzego za Leta zitandukanye.	(3) The Chairperson and Vice-Chairperson of the Committee are elected among representatives of different State organs.	(3) Le Président et le Vice-Président du Comité sont élus parmi les représentants des organes de l'État différents.
(4) Uhagarariye urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano ni we munyamabanga wa Komite.	(4) The representative of the State organ in charge of management of the environment acts as the secretary of the Committee.	(4) Le représentant de l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions fait office de secrétaire du Comité.

(5) Komite ishobora gutumira impuguke cyangwa itsinda ry'impuguke kugira ngo batange amakuru, ubusesenguzi bucukumbuye n'inama. Icyakora, impuguke cyangwa itsinda ry'impuguke batanga ibitekerezo kuri Komite ariko ntibagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo bya Komite.	(5) The Committee may invite an expert or a group of experts to provide information, critical analysis, and advice. However, the expert or the group of experts provide opinions to the Committee but does not participate in the decision-making of the Committee.	(5) Le Comité peut inviter un expert ou un groupe d'experts à fournir des informations, des analyses critiques ou des conseils. Toutefois, l'expert ou le groupe d'experts fournit des avis au Comité mais ne participe pas à la prise de décision du Comité.
<u>Ingingo ya 3</u>: Ishyirwaho ry'abagize Komite	**<u>Article 3</u>: Appointment of members of the Committee**	**<u>Article 3</u> : Nomination des membres du Comité**
(1) Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano asaba, mu nyandiko, inzego za Leta n'inzego zigenga bireba gutanga abazihagararira muri Komite. Minisitiri agaragaza ubuhanga busabwa ku muntu urwego rusabwa gutanga.	(1) The Minister in charge of environment requests, in writing, relevant State organs and private organs to nominate their representatives in the Committee. The Minister specifies the expertise required of the person to be nominated.	(1) Le Ministre ayant l'environnement dans ses attributions demande, par écrit, aux organes de l'État et aux organes privés concernés de désigner leurs représentants au sein du Comité. Le Ministre précise l'expertise requise de la personne à désigner.
(2) Urwego rwa Leta cyangwa urwego rwigenga rugena uruhagararira muri Komite kandi rukamumenyesha, mu nyandiko, Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano.	(2) The State organ or private organ nominates its representative in the Committee and communicates this, in writing, to the Minister in charge of environment.	(2) L'organe de l'État ou l'organe privé désigne son représentant au sein du Comité et le communique, par écrit, au Ministre ayant l'environnement dans ses attributions.
(3) Abagize Komite bashyirwaho hashingiwe ku buhanga mu bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima n'ubundi bumenyi bujyanye na byo, no ku ndangagaciro zabo z'ubwangamugayo, gufata abantu	(3) Members of the Committee are appointed based on their expertise in biosafety and related matters, values of integrity, equity, discipline and responsibility.	(3) Les membres du Comité sont nommés sur la base de leur expertise en biosécurité et dans les domaines connexes, ainsi que de leurs valeurs d'intégrité, d'équité, de discipline et de responsabilité.

kimwe, imyitwarire myiza no gufata inshingano.		
<u>Ingingo ya 4</u>: Inshingano yo kugira ibanga	**<u>Article 4</u>: Duty of confidentiality**	**<u>Article 4</u> : Devoir de confidentialité**
(1) Abagize Komite bemera kubahiriza inshingano yo kugira ibanga mbere yo gutangira umurimo wabo.	(1) Members of the Committee agree to observe the duty of confidentiality before taking up membership.	(1) Les membres du Comité acceptent de respecter le devoir de confidentialité avant d'entrer en fonction.
(2) Inshingano yo kugira ibanga ikurikiza imirongo ngenderwaho yateguwe kandi ikemezwa n'urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano.	(2) The duty of confidentiality follows guidelines developed and approved by the State organ in charge of management of the environment.	(2) Le devoir de confidentialité suit des lignes directrices élaborées et approuvées par l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions.
(3) Inyandiko n'amakuru bisangizwa abagize Komite n'ibiganiro bikorwa na Komite ni ibanga kugeza aho urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano rwemeje kubishyira ku mugaragaro.	(3) Documents and information shared with members of the Committee and discussions held by the Committee are confidential until the State organ in charge of management of the environment declares them public.	(3) Les documents et les informations partagés avec les membres du Comité et les discussions tenues par le Comité sont confidentiels jusqu'à ce que l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions les déclare publics.
<u>Ingingo ya 5</u>: Manda y'abagize Komite	**<u>Article 5</u>: Term of office of members of the Committee**	**<u>Article 5</u> : Mandat des membres du Comité**
Manda y'abagize Komite ni imyaka itatu ishobora kongerwa.	The term of office of members of the Committee is three years renewable.	Le mandat des membres du Comité est de trois ans renouvelable.

Ingingo ya 6: Impamvu zituma ugize Komite ava mu mwanya	**Article 6: Reasons for loss of membership of the Committee**	**Article 6 : Motifs de perte de la qualité de membre du Comité**
Ugize Komite ava kuri uwo mwanya iyo –	A member of the Committee loses membership if –	Un membre du Comité perd la qualité de membre lorsque –
(a) manda ye irangiye;	(a) his or her term of office expires;	(a) son mandat expire ;
(b) yeguye akoresheje inyandiko;	(b) he or she resigns in writing;	(b) il démissionne par écrit ;
(c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe na muganga wemewe na Leta;	(c) he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability ascertained by a recognised medical doctor;	(c) il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'handicap constaté par un médecin agréé ;
(d) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;	(d) he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered in last instance;	(d) il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort ;
(e) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	(e) he or she fails to attend three consecutive meetings without valid reasons;	(e) il s'absente à trois réunions consécutives sans motifs valables ;
(f) agaragaje imyitwarire yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	(f) he or she manifests a behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;	(f) il manifeste un comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang ;
(g) atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;	(g) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or	(g) il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé; ou

(h) cyangwa apfuye.	(h) he or she dies.	(h) il décède.
Ingingo ya 7: Gusimbura ugize Komite	**Article 7: Replacement of a Committee member**	**Article 7 : Remplacement d'un membre du Comité**
(1) Iyo umwe mu bagize Komite avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, urwego rwa Leta rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.	(1) If a member of the Committee loses membership before the expiration of his or her term of office, the State organ in charge of management of the environment appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office.	(1) Lorsqu'un membre du Comité perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions nomme son remplaçant qui termine le mandat de son prédécesseur.
(2) Iyo ugize Komite usimburwa ari Perezida cyangwa Visi-Perezida, abagize Komite batora umusimbura mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye igihe uwari muri uwo mwanya yawuviriyemo.	(2) If the member of the Committee to be replaced is the Chairperson or Vice-Chairperson, members of the Committee elect his or her replacement within 30 days from the date on which the position became vacant.	(2) Lorsque le membre du Comité à remplacer est le Président ou le Vice-Président, les membres du Comité élisent son remplaçant dans un délai de 30 jours à compter de la date à laquelle le poste est devenu vacant.
UMUTWE WA III: INSHINGANO N'IMIKORERE BYA KOMITE	**CHAPTER III: RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE**	**CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ**
Ingingo ya 8: Inshingano za Komite	**Article 8: Responsibilities of the Committee**	**Article 8 : Attributions du Comité**
Komite ifite inshingano zikurikira:	The Committee has the following responsibilities:	Le Comité a les attributions suivantes :
(a) gusuzuma ubusabe bw'impushya	(a) to review applications for permits for	(a) examiner les demandes de permis pour

z'ibikorwa byerekeye ibinyabuzima byahinduwe;	activities relating to living modified organisms;	les activités relatives aux organismes vivant modifiés ;
(b) kugira inama urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano ku birebana no kwemerera ibikorwa byerekeye ibinyabuzima byahinduwe harebwa buri gikorwa ukwacyo no gutanga inama ku ngamba zikwiye zo gucunga ingaruka;	(b) to advise the State organ in charge of management of the environment on the permitting of living modified organism related activities on a case-by-case basis and recommend appropriate risk management measures;	(b) conseiller l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions sur l'autorisation d'activités relatives aux organismes vivants modifiés au cas par cas et recommander des mesures appropriées de gestion des risques ;
(c) gutanga inama mu bya tekiniki n'ibyifuzonama ku rwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano ku bibazo bijyanye n'ibinyabuzima byahinduwe;	(c) to provide technical advices and recommendations to the State organ in charge of management of the environment on issues related to living modified organisms;	(c) fournir des conseils techniques et des recommandations à l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions sur les questions liées aux organismes vivants modifiés ;
(d) kugira uruhare mu bijyanye no kwemerera laboratwari zikora ubushakashatsi ku binyabuzima byahinduwe;	(d) to contribute in the accreditation process of laboratories conducting research on living modified organisms;	(d) contribuer au processus d'accréditation des laboratoires menant des recherches sur les organismes vivants modifiés ;
(e) kugira uruhare mu itegurwa ry'amategeko n'amabwiriza bigenga ubusugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima.	(e) to contribute to the development of laws and regulations governing biosafety.	(e) contribuer à l'élaboration des lois et règlements régissant la prévention des risques biotechnologiques.
<u>Ingingo ya 9</u>: Inama za Komite	**<u>Article 9</u>: Meetings of the Committee**	**<u>Article 9</u> : Réunions du Comité**
(1) Inama ya Komite iterana iyo hari ubusabe burebana n'ibinyabuzima	(1) The meeting of the Committee is held when there is application related to	(1) La réunion du Comité se tient lorsqu'il y a une demande portant sur les

byahinduwe kugira ngo ikore isuzumangaruka ryabyo, itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari.	living modified organisms to carry out their risk assessment, upon invitation by its Chairperson or its Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson.	organismes vivants modifiés afin de procéder à l'évaluation de leurs risques, sur invitation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président.
(2) Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Komite hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane. Icyakora, iyo hari impamvu zihutirwa, inama ishobora gutumizwa hatubahirijwe igihe giteganywa muri iki gika.	(2) The invitation is submitted, in writing, to the members of the Committee at least 15 days before the meeting is held. However, in urgent cases, the meeting may be convened without regard to the period provided by in this Paragraph.	(2) L'invitation est adressée, par écrit, aux membres du Comité au moins 15 jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, en cas d'urgence, la réunion peut être convoquée sans considération du délai prévu au présent paragraphe.
(3) Inama za Komite zishobora gukorwa imbonankubone, mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa bwombi.	(3) The meetings of the Committee may be conducted in physical, virtual, or hybrid mode.	(3) Les réunions du Comité peuvent se tenir en mode physique, virtuel ou hybride.
<u>Ingingo ya 10</u>: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane	**<u>Article 10</u>: Quorum for the meeting of the Committee**	**<u>Article 10</u> : Quorum pour la réunion du Comité**
Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama yimurirwa ikindi gihe ikongera gutumizwa mu gihe kitarenze iminsi 15. Urwego, nyuma yo kubona imyanzuro y'inama, rushobora kugisha inama mu nyandiko ugize Komite utitabiriye inama, iyo rubona ari ngomwa.	The quorum for the meeting of the Committee is two-thirds of its members. If the quorum is not reached, the meeting is postponed and re-convened within 15 days. After receiving the conclusions of the meeting, the Authority may, when considered necessary, consult in writing with a Committee member who was absent from the meeting.	Le quorum de la réunion du Comité est de deux tiers de ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée et convoquée de nouveau dans un délai de 15 jours. Après avoir reçu les conclusions de la réunion, l'Autorité peut, lorsqu'elle le juge nécessaire, consulter par écrit un membre du Comité qui était absent.

Ingingo ya 11: Ifatwa ry'ibyemezo bya Komite	**Article 11: Decision-making of the Committee**	**Article 11 : Prise de décisions du Comité**
Ibyemezo by'inama ya Komite bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Komite bitabiriye inama. Iyo amajwi angana, ijwi ry'uyoboye inama rikemura impaka.	Decisions of the meeting of the Committee are taken by consensus. In the absence of consensus, decisions are taken by absolute majority of votes of the members of the Committee present. In case of a tie, the Chairperson of the meeting has a casting vote.	Les décisions de la réunion du Comité sont prises par consensus. À défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue de voix des membres du Comité présents. En cas d'égalité de voix, la voix du Président de la réunion est prépondérante.
Ingingo ya 12: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	**Article 12: Personal interest in issues on the agenda**	**Article 12 : Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**
(1) Iyo uri mu bagize Komite afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, ahita amenyesha Komite aho iyo nyungu ishingiye.	(1) A member of the Committee who has a direct or indirect interest in the issue to be considered informs immediately the Committee about where that interest lies.	(1) Un membre du Comité qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Comité où cet intérêt repose.
(2) Ugize Komite wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.	(2) A member of the Committee who disclosed his or her interest in the issue to be considered does not attend the meeting deliberating on that issue.	(2) Le membre du Comité qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point.
(3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Komite bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka kugifataho icyemezo, icyo kibazo gishyikirizwa Minisiteri ifite ibidukikije mu nshingano	(3) If it happens that many or all members of the Committee have a direct or indirect interest in the issue to be considered in such a way that it is impossible to take a decision on the issue, the issue is submitted to the Ministry in charge of environment to decide thereon within 30 days.	(3) Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Comité ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis au Ministère ayant l'environnement dans

ikagifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 30.		ses attributions pour décision dans un délai de 30 jours.
Ingingo ya 13: Gutanga raporo	**Article 13: Reporting**	**Article 13 : Soumission de rapports**
(1) Iyo Komite imaze gukora isuzumangaruka ku kinyabuzima cyahinduwe no kubikorera raporo, Perezida wa Komite ashyikiriza iyo raporo Umuyobozi Mukuru w'urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano.	(1) After the Committee has carried out a risk assessment in relation to a living modified organism and prepared a report thereon, the Chairperson of the Committee submits the report to the Director General of the State organ in charge of management of the environment.	(1) Après que le Comité ait effectué l'évaluation des risques en rapport avec un organisme vivant modifié et élaboré un rapport à ce sujet, le Président du Comité soumet ce rapport au Directeur Général de l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions.
(2) Usibye amakuru y'ibanga, kopi za raporo zibikwa mu buryo bworoshye kuzibona hagamijwe guteza imbere ihanahanamakuru binyuze ku rubuga rw'ihanahanamakuru ku busugire bw'urusobe rw'ibinyabuzima.	(2) Except for confidential information, copies of the reports are maintained in a form that is accessible to promote information exchange through the biosafety clearing house.	(2) À l'exception des informations confidentielles, les copies des rapports sont conservées sous une forme accessible afin de favoriser l'échange d'informations à travers le centre d'échange pour la prévention des risques biotechnologiques.
Ingingo ya 14: Ingengo y'imari ya Komite	**Article 14: Budget of the Committee**	**Article 14 : Budget du Comité**
Urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano rutanga ingengo y'imari ya Komite.	The State organ in charge of management of the environment provides the budget of the Committee.	L'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions fournit le budget du Comité.
Ingingo ya 15: Amategeko ngengamikorere ya Komite	**Article 15: Rules of procedure of the Committee**	**Article 15 : Règlement d'ordre intérieur du Comité**
Komite itegura amategeko ngengamikorere	The Committee prepares its rules of procedure	Le Comité élabore son règlement d'ordre

yayo ikayashyikiriza urwego rwa Leta rufite imicungire y'ibidukikije mu nshingano kugira ngo ruyemeze.	and submits it to the State organ in charge of management of the environment for approval.	intérieur et le soumet à l'organe de l'État ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions pour approbation.
UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 16: Ingingo y'ururimi	**Article 16: Language provision**	**Article 16 : Disposition linguistique**
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.	This Order was drafted in English.	Le présent arrêté a été rédigé en anglais.
Ingingo ya 17: Gutangira gukurikizwa	**Article 17: Entry into force**	**Article 17 : Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 18/02/2025 (sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
(sé) **Dr UWAMARIYA Valentine** Minisitiri w'Ibidukikije Minister of Environment Ministre de l'Environnement
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** (sé) **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux